



Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-rwanda.com - www.victoire-ingabire.com

Kigali – Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Démocratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali, kuwa 20 Kamena 2014

Gereza ya Muhanga nireke kwicisha urubozo Mutuyimana Anselme

Bwana Anselme Mutuyimana ni umurwanashyaka wa FDU-Inkingi ukomoka i Rutsiro mu ntara y'Iburengerazuba. Ku itariki ya **15 /09/2012** nibwo yatawe muri yombi n'ubutegetsi bwa FPR-Inkotanyi bumuziza ngo kuba yarahuye na Bwana Sylvain Sibomana, Umunyamabanga Mukuru w'ishyaka FDU-Inkingi, ubu nawe uri mu munyururu. N'ubwo ibyo ubutegetsi bwavugaga ko bubakurikiranyeho bitagize icyaha ku gihugu cyaba cyubaha uburenganzira bw'umuturage bwo kuba yakwihitiramo umutwe wa politiki abarizwamo, siko ubutegetsi bw'igitugu bwo mu Rwanda bushishikajwe no kunigana ijamba uwo ariwe wese utavuga rumwe nabwo bwabigenje. Anselme Mutuyimana byaje kumuviramo gukatirwa **igihano cy'amaherere cy'imyaka itandatu (6) tariki ya 13/01/2014** ubu akaba yarakijuririye uretse ko urukiko rw'ikirenga rwinumiye kugeza uyu munsu rukaba rutaramumenyesha igihe azaburanira.

Hagati aho, Anselme Mutuyimana asanzwe afite uburwayi bukomeye bumusaba kubonana na muganga kenshi, ubu akaba atagifite uburenganzira bwo kwivuza. Ingorane ze zatangiye nyuma y'aho ahuriye **n'intumwa za ONU zaje mu Rwanda mu kwezi kwa Mutarama 2014** kureba uko uburenganzira bwo kwishyira ukizana bwifashe. Nk'umuntu wazize kuba yarahuye n'abandi nta kindi cyaha, birumvikana ko izo ntumwa zari zikeneye kumva icyo avuga. **Kuva icyo gihe rendez-vous yari afitanye na muganga gereza ya Muhanga yarazitambamiye imwima uruhushya rwo kujya kwivuza ku buryo yanayandikiye amabaruwa menshi ayisaba kwemererwa kujya kwivuza ariko ntiyigera asubizwa, ubu akaba ababaye cyane kandi adasiba kwibutsa ubuyobozi bwa gereza ubwo bubabare bwe!**

Ishyaka FDU-Inkingi riratabariza uyu murwanashyaka waryo risaba ko atavutswa uburenganzira bwe bwo kwivuza. Gukatirwa n'ubucamanza, kabone n'iyo byaba bifite ishingiro, ntibyemerera ubutegetsi gufata umuntu bunyamanswa.

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

FDU-Inkingi

Boniface Twagirimana

Umuyobozi wungirije w'agateganyo